IOWA | Health and Human Services
Public Health

Ibyerekeye

# I-Smile @ School

## KU BABYEYI N'ABAREZI



### Ni ryari amenyo y'umwana wanjye akwiye guhomwa?

Ibijigo by'umwana bigomba guhomwa bikimara kumera. Ibijigo bimera umwana afite hafi imyaka kuva kuri 6 kugeza kuri 12.

### Gahunda ya I-Smile @ School ni iki?

Gahunda ya I-Smile @ School itanga serivisi zo gusuzuma amenyo, guhoma amenyo, no gushyiraho umuti uyarinda ku buntu. Gahunda ya I-Smile yigisha kandi abanyeshuri uko bakwiye kwita ku menyo yabo. Iyi gahunda ikora ku munsi wo kwiga kandi abanyeshuri bamara umwanya muto cyane badakurikirana amasomo yabo.

### Kubera iki kwita ku menyo ari iby'ingenzi?

Indwara yo gucukuka amenyo ishobora kubangamira bikomeye abanyeshuri bigatuma batiga, batarya, batavuga uko bikwiye ndetse batanasinzira. Kumwenyura usa neza mu kanwa bibafasha kumva bifitiye icyizere. Guhoma amenyo no gushyiraho umuti utuma amenyo akomera bifasha kurinda amenyo no gukumira kuba yacukuka. Bifasha mu kurinda uburibwe indwara yo gucuka amenyo itera uyirwaye. Binatuma umuntu azigama amafaranga kubera ko umwana wawe aba afite ibyago bike byo kuvurwa indwara yo gucukuka amenyo!

### Gusuzuma amenyo bisobanura iki?

- Gusuzuma amenyo ni ukureba mu buryo bworoheje mu kanwa hagamijwe kureba uko amenyo ameze no kureba niba ari ngombwa gushyiraho umuti w'amazi wo kuyahoma cyangwa gutuma akomera.
- Gusuzuma amenyo ntibisimbura igikorwa cyo kujya kwisuzumisha amenyo kwa muganga w'amenyo.

### Imiti yo guhoma amenyo ni iyihe?

- Umuti wo guhoma amenyo ni umuti w'amazi ufite ibara nk'iry'amenyo ushyirwa ku gice cy'amenyo gikanja ku menyo y'ibijigo.
- Umuti wo guhoma amenyo urinda amenyo kwinjirwamo n'udukoko n'ibiribwa bishobora gutuma acukuka.

### Ni gute umuti wo guhoma amenyo ushyirwaho?

Umuti w'amazi wo guhoma amenyo usigwa ku gice cy'iryinyo gihekenya hakoreshejwe akaroso. Mu minota mike, uwo muti w'amazi uba ukomeye ugafata kuri cya gice cyo hejuru cy'iryinyo. Gushyirirwa umuti uhoma amenyo ku ryinyo biroroshye kandi ntibiryana.

### Uwo muti uhoma amenyo umara igihe kingana iki?

- Umuti uhoma amenyo ushobora kumara imyaka myinshi niba umwana wawe agirira isuku ikwiye amenyo ye.
- Umuti uhoma amenyo ugomba gusuzumwa buri uko ugiye kwa muganga w'amenyo ndetse no gushyirirwaho undi bibaye ngombwa.

### Umuti utuma amenyo akomera ni iki?

- Umuti utuma amenyo akomera ni umuti w'amazi umatira uhita ufata kandi hakoreshejwe uburoso ushyirwa ku bice by'inyuma by'amenyo yose kugira ngo bikomere kurushaho.
- Uraryohera kandi ugomba gushyirwa ku menyo hagati y'inshuro kuva kuri 2 kugera kuri 4 buri mwaka kugira ngo hagabanywe ibyago by'uko amenyo y'umwana yacukuka.

### Ibyo bikorwa byishyurwa amafaranga angahe?

- Serivisi zose za Gahunda ya I-Smile @ School zitangirwa ubuntu.

**ADERESI**

**Iowa Department of Health and Human Services, 1-866-528-4020**

Comm. 097(KIN) (06/24)